**KAREKESI, URUKIKO RWA MBERE RW'IREMEZO RWA KIGALI, URUGEREKO RWIHARIYE, Ikiza ry'urubanza mu ruhame ryo kuwa 7/07/1997**

KAREKEZI AMURI
Tribunal de première Instance de Kigali, Chambre Spécialisée
Jugement du 7 juillet 1997

URUBANZA R.P. 008/GS/KIG RMP 5018/S 12/ NRV

URUKIKO RWA MBERE RW'IREMEZO RWA KIGALI URUGEREKO RWIHARIYE RULI I KIGALI RUHABURANISHIRIZA IMANZA Z'IBYAHA BY'ITSEMBABWOKO N'ITSEMBATSEMBA N'IBYAHA BYIBASIYE INYOKOMUNTU N'IBINDI BYAHA BIFITANYE ISANO RWAKIJIJE URU RUBANZA MU BURYO BUKURIKIRA :

IKIZA RY'URUBANZA MU RUHAME RYO KUWA 7/07/1997

Haburana :

UBUSHINJACYAHA

na

KAREKEZI AMURI, wavukiye i GATSIBO muri Komini Ngarama, Perefegitura ya MUTARA mu mwaka w'1947, mwene NKIZIMIHIGO Zubeli na NIKUZE Zaina; ubu akaba atuye i Gabiro muri Segiteri BIRYOGO Komini NYARUGENGE, Perefegitura ya Kigali y'Umujyi. Arubatse, yashakanye na MUGANZACYAHA Anisha, umufasha we wa mbere amaze kwitaba Imana; afite abana 10 bose hamwe.Yari Conseiller wa BIRYOGO mbere no mu gihe cy'itsembatsemba n'itsembabwoko. Afite inzu y'igorofa ku Kimihurura n'indi atuyemo mu Biryogo, atunze n'imodoka. Nta kindi cyaha kizwi yakoze.

Ibyaha aregwa :

- Kuba ari muri Segiteri BIRYOGO, Komini NYARUGENGE, Perefegitura ya Kigali y'umujyi, muri Repuburika y'u Rwanda hagati y'ukwezi kwa 10/1990 n'ukwezi kwa 6/1994, ayobora Segiteri BIRYOGO, ari gatozi cyangwa ari icyitso cy'abandi, abizi kandi abishaka yarateguye kandi agashyira mu bikorwa umugambi wo gutsemba ubwoko kandi akawushishikariza abaturage abatera inkunga ya ngombwa. Icyo cyaha giteganwa kandi n'Amasezerano Mpuzamahanga yo kuwa 9 /12/48 yerekeranye no guhana icyaha cya génocide n'amasezerano yakorewe i Genève yo kuwa 12/8/1949 ndetse n'Amasezerano Mpuzamahanga yerekeranye no kudasaza kw'ibyaha byibasiye inyokomuntu yo kuwa 26/11/1968. Icyo cyaha kandi giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 2 urwego rwa 1, cy'itegeko-ngenga n° 8/96 yo kuwa 30/8/96.

- Kuba ari aho hantu mu gihe kimwe ari gatozi cyangwa ari icyitso cy'abandi yarayogoje igihugu no kwica bitsemba imbaga. Icyo cyaha giteganywa kandi kigahanishwa n'ingingo ya 168 al 1, 2 et 3 na 166 CPL II.

- Kuba ari aho hantu havuzwe, mu gihe kimwe, ari gatozi cyangwa ari icyitso cy'abandi cyane cyane hagati y'ukwezi kwa 4 n'ukwa 6/94, yararemye umutwe w'ubugizi bwa nabi. Icyo cyaha giteganywa kandi kigahanishwa n'ingingo ya 281 na 282 CPRL II.

- Kuba na none ari aho hantu havuzwe haruguru ari gatozi cyangwa ari icyitso cy'abandi yarakoze icyaha cy'ubuhotozi abigambiriye.Icyo cyaha giteganywa kandi kigabanishwa n'ingingo ya 312 CPRL II.

- Kuba ari aho hantu havuzwe, hagati y'ukwezi kwa 10/1990 n'ukwezi kwa 6/1994 ataragobotse abaturage mu bucamanza no mu mudendezo mu gihugu. Icyo cyaha giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 256 al 1 et 2.CPRL.II.

- Kuba na none ari aho hantu, ari gatozi cyangwa ari icyitso cy'abandi, hagati y'ukwezi kwa 10/1990 n'ukwa 6/1994 yaravogereye ingo z'abaturage ku buryo bunyuranyije n'amategeko yitwaje ko ahiga ibyitso akora na za lisiti z'abagomba kwicwa. Icyo cyaha giteganywa kandi kigahanishwa n'ingingo ya 304 CPRL II.

- Kuba na none ari aho hantu hakomeje kuvugwa, mu gihe kimwe abizi kandi abigambiriye yarasenye amazu y'abaturage. Icyo cyaha giteganywa kandi kigahanishwa n'ingingo ya 44 CPRL II

- Kuba na none ari aho hantu, mu gihe kimwe ari gatozi cyangwa icyitso cy'abandi yarakwirakwije intwaro mu baturage.Icyo cyaha giteganywa kandi kigahanishwa na Codes et lois vol 4 éd 1984 P.1529 art 13 na DL n° 12/79 J.0 1979 P.363 éd 1984 Vol 4.

- Kuba na none ari aho hantu, mu bihe bimwe ari gatozi cyangwa ari ïkitso cy'abandi yarakoresheje ibikangisho agamije kugirira nabi abantu no kubavutsa ibyo batunze. Icyo cyaha giteganywa kandi kigahanishwa Ingingo ya 339 na 340 CPRL II

Abaregera indishyi :

l. MUNYANEZA Joseph, mwene BAKOMEZA na BWABAYEKURE wavukiye Liryi, Komini Mbogo Perefegitura Kigali Ngari, utuye mu Biryogo, Komini Nyarugeuge, Perefegitura y'umujyi wa Kigali ; yashakanye na BANAYIJA Geneviève.

2. KAYIRANGA Eugène, mwene NYILINKWAYA na MUKANYANGEZI, wavukiye Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali, ni ingaragu.

3. KAMUHANDA Musa, mwene RUTIKANGA na Mataza wavukiye Gihundwe, Komini Cyimbogo Perefegitura Cyangugu, utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura Kigali y'Umujyi ; yashakenye na GAHONGERWA.

4. MUKANDANGA Sezariya, mwene SENDANYOYE na MUKAMUDENGE, wavukiye Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali ni naho atuye ; yashakanye na MWIKARAGO AlFedi.

5. AMIDA NYIRABISERUKA, mwene MUNYANDEKWE Radjabu na MUKANTAGARA, wavukiye Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali, utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

6. MUKAGATARE Shakila, mwene KAGORO na MUKAMBANDA, utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali, yashakanye na BURAKARA (+).

7. RURANGIRWA, mwene SAYINZOGA na MUKARUTSINGA utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali, ingaragu.

8. MWAVITA Martiné, mwene KAYONDA na NYIRABASHI, utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali, yashakanye na NTAYIRYO.

9. RUZINDANA Marcellin, mwene BUCYURABUHORO na MUKARWEGO, utuye Bityogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura ya Kigali y'Umujyi, yashakanye na MUKAMFIZI.

10. KAYIGI Albert, mwene SENKURA Martin na KAMAGEGERA, utuye i Nyamirambo Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

11. KAMANZI Réverien, mwene SENKUBA na KAMAGERA, utuye Rwimbogo, Komini Kanombe, Perefegitura Kigali Ngari, yashakanye na UWAMARIYA.

12. KIMISINGA Agnès, uhagarariye Umuryango wa NYAGAHENDA Déogratias mwene NYAGAHINGA na MUTUNGIREHE ; ni ingaragu, atuye Nyamirambo, Komini Nyarugenge, Perefegitura ya Kigali y'Umujyi.

13. KAYITETE Dorothée, mwene MUNYERAGWE na UWAMBAYE, utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali, yashakaye na SIMPUNGA.(+)

14. RWABURINDI Valens, mwene BIFATIHENE na NYIRAKAJE, washakanye na UWANTEGE, Médiatrice(+), utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

15. MUKANKURANGA Primitive, mwene MUNYANDEKEZI washakanye na SAGAHUTU Augustin, utuye Gatsata, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

16. MUDACUMURA Déo, mwene MUGAMBI na MUKAMUNEZA, utuye Gikondo, Komini Kicukiro, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

17. MUKARURENZI Thérèse, mwene NYAKADANGA Léonidas na NYIRAMONDO, washakanye na KARURANGA Claver (+), utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

18. MUKAKIBIBI Asiya, mwene RWABURINDI na NYIRAMASENGE, utuye Kagasa, Komini Kanombe, Perefegitura ya Kigali Ngari.

19. MURENZI Védaste, mwene NYILIGIRA na MUKAMPARIRWA, utuye Kabare, Komini MUHAZI, Perefegitura ya KIBUNGO.

20. MUTABARUKA Amuza, mwene MUTABARUKA na NYIRAMAKWAVU, utuye :BIryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali .

21. MUKANDARUHUTSE Domina, mwene SEBARUNDI na KANKINDI, washakanye na SAYINZOGA, utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali .

22. GAKWAYA Canisius, mwene GAKWAYA na KAMPIRWA, ingaragu, utuye mu Biryogo Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali .

23. HABIMANA Venuste, mwene MURIHIRA na KAMUYUMBU, washakanye na NYIRAMATAMA, utuje Kabare, Komini Muhazi, Perefegitura ya KIBUNGO.

24. SERWAKIRA UMLINGA Solange, mwene SERWAKIRA na MUKAKARERA, ingaragu, utuye i Remera, Komini Kacyiru; Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

25. RURANGIRWA Jean de Dieu, mwene ZIMURINDA na MUKAKALISA, ingaragu utuye mu Nyakabanda, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali .

26. NYAMWASA Justin, mwene SEBASHI na NYIRABASHI, washakanye na MUKANTAGANZWA, utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

27. MUKANDEKEZI Bernadette, mwene KIBWANA na NYIRASENDE, washakanye na GAHIGIRO (+), utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

28. MUKARUGALI Gaudence, mwene RWAGISHAMBA na NYIRAKOBWA, washakanye na NTABUNTU Philippe (+), utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali .

29. TWAGIRAMARIYA Béatrice, mwene NIYOMUGABO na MUKARURANGWA, washakanye na GATERA Charles (+), utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

30. HATEGEKIMANA AlFed, mwene SENYANA na MUKESHA, washakanye na MUKANDEKEZI Angelique, utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge Perefegitura y'Umujyi wa Kigali

31. MUREGO Jean Paul, mwene ZIMURINDA Déo na MUKAKALISA, ingaragu, utuye mu Nyakabanda, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali .

32. MUKANDARUNGA Drocella, mwene MUGARURA na NYIRANSHUTI, washakanye na MUTWARASIBO Fodouard (+), utuye mu Biryogo, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

33. SINAGARA Innocent, mwene SEBURINKENDE na MUKAMAJORO, washakanye na NYIRABATSINDA Spéciose, utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

34. SAGASHYA Alphonse, mwene BITEGE na MUKAMIBUNGO, washakanye na MUJAWASE Saverine (+), utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

35. MUKANDE Marguerite, mwene MUGAMBI na MUKAMUNEZA, washakanye na MUHAMADI BIZURU, utuye i Gikondo, Komini Kicukiro; Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

36. UWAMALIYA M.Chantal, mwene ZIMURINDA na MUKAKALISA, washakanye na NAMBAJIMANA Rameki, utuye mu Nyakabanda, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

37. WIBABARA Charlotte, mwene NYANGEZI na NYIRAMIYANGE, washakanye na MUPENZI Théophane (+), utuye i Gikondo, Komini Kicukiro, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

38. MUGIRASONI Marie, mwene MUGAMBI na MUKAMUNEZA, washakanye na RUGAMBWA, utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

39. UWAMWEZI Léonille, mwene SEKANUNGURI na MUKARUSHEMA, washakanye na KAYIRANGA, utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

40. RANGIRA Saïdi Fabrice, mwene RANGIRA Saïdi na MUKASHEMA, ingaragu, utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali .

41. RANGIRA Abedi, mwene RANGIRA Saïdi na MUKASHEMA, washakanye na NIFASHA Colombe, utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

42. RANGIRA Ismaël, mwene RANGIRA Saïdi na MUKASHEMA, ingaragu, utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

43. MUKASHEMA Mariyamu, mwene RWIGIMBA na MUKANTABANA, washakanye na RANGIRA Saïdi, utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

44. MUKAMUTSINZI Dancilla, C/O Maître NDOLIMANA Pierre.

45. UWICYEZA Denyse, C/0 Maître NDOLIMANA Pierre.

46. NYIRAMUGWERA Marie, C/O Maître NDOLIMANA Pierre.

47. HATEGEKIMANA Déo C/0 Maître NDOLIMANA Pierre.

48. NIYONZIMA Emmanuel, C/O Maître NDOLIMANA Pierre.

49. KAMANZI Denys C/O Maître NDOLIMANA Pierre.

50. UTAGIRIKIRENGERA Immaculée, C/O Maître NDOLIMANA Pierre.

51. MUKAYUY1 Agnès C/O Maître NDOLIMANA Pierre.

52. KANZAYIRE Josiane, mwene GAHIGI na KANTENGWA, washakanye na HATEGEKIMANA, utuye Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

53. NYATANZI Jean Baptiste, mwene ZIYATAMI na MKANTABANA, washakanye na UWAGIRINKA Pélagie, utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

54. CYABAKANGA Etienne, mwene BITEGE na NYIRAMAKUMI, washakanye na IRYABAZAYIRE Gerardine(+), utuye Rwampara, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

55. MUKAKALISA Esteri, mwene RUKIMIRANA na NYIRAKIMONYO, washakanye na ZIMURINDA Déogratias, utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

56. RUTAYISIRE Eugène, mwene NYLILINKWAYA na KAMPARA, washakanye na NYIRAMPIGIYE, utuye Kimisagara, Komini Kicukiro, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

57. RANGIRA Saidi, mwene MUSHI na KAYIREBWA, washakanye na MUKASHEMA Mariamu, utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

58. KATABARWA Michel, mwene MUDAHUNGA na MUJANGWA, washakanye. na UTEZURUGORI, utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

59. UMURINGA Georgette, mwene NYIRUMURINGA na KOYI, washakanye na RWIGIMBA Augustin, utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

60. MUKABARANGA Christine, mwene KARURANGA na KARURENZI, ingaragu, utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

61. MUKASOROZA Pelagie, mwene RWASAMANZI Gaspard na MUKARUGEMA.washakanye na KAREKEZI Ayubu, utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

62. NYIRAMUGWIRA Pascasie, mwene MUTWA na NYIRARUHIMBI, washakanye na Majidi Djama, utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

63. KAYITARE Asia, mwene MUSHUMBA na NYIRAMIHANDA, washakanye na BINEGO Djuma, utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

64. UWAMALIYA Marguerite, mwene BUTSENDUKA na NYIRANTUREGE, washakanye na KARANGWA Selemani, utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

65. FATUMA Souvenir, mwene MUNYANDEKWE na MUKASIBO, ingaragu, utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

66. RUGARAVU Yahaya, mwene RUZIRAMPUHWE na KAMPIBI, washakanye na UZAMUKUNDA, utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

67. NIZEYEMUNGU Antiya, mwene GATABAZI Venuste na MUHUNDAZA, washakanye na RUTAZINDA, utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

68. NIYONAGIRA Cathéline, mwene RUSHISHI na NYIRABAKIRA, washakanye na NKUSI Martin, utuye i Gikondo, Komini Kicukiro, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali .

69. NSHIMYUMUREMYI Paul, mwene KARONKANO na MUKABAGINA, utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

70. MUKAKARANGWA Agnès, mwene KALISA na MUKANGANGO, washakanye na SINAMENYE Jean utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

71. UWIREMYE Rehema mwene HABAGAHANGA na KABERA, washakanye na TWAGIRAYEZU (+), utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

72. MUSONAYIRE Bellancille, mwene MUGANDURA Innocent na GASENGAYIRE washakanye na RUTAMBURA (+), utuye mu Nyakabanda, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

73. KABANYANA Gatarina, mwene KAYONGA na NYIRAMAKWENDE, washakanye na UFITINEZA Fançois, utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

74. INYARUBUGA Séraplin, mwene BIHOMORA Antoine na MUKANSANGA Mercianne, ingaragu, utuye mu Biryogo Komini, Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

75. BUGILIMFURA Richard, mwene MUTERAHEJURU na NYIRABURE, washakanye na MUKARUGIRA Vénéranda, utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

76. SOBIO Jean, mwene REZEINE na MUKOBWUJAHA, washakanye na NYAMPINGA Daphrose(+), utuye Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

77. KAMPUNDU Tawusi, mwene NAKAGABO Yobu na MUKARUBIBI Rosalie, washakanye na RUTAGANDA Habibu(+), utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

78. KANYAMUGENGE Joseph, mwene SEKABAGARI na MUKAMUTANA, utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

79. NIYONZIMA Twalib, mwene NYABYENDA Saidi na NGUTEGURE Sofiya, utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

80. MUHUNDAZA Arodiya, mwene NKERABIGWI na NYIRAMUSHAGAZA, utuye i Remera, Komini Mbogo, Kigali Ngari.

81. GATERA Jean Paul, mwene GATERA Célestin na UWIMBABAZI Véstine, utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

82. MADENGERI Modeste, mwene SEMUKOBWA na NYIRANDUGU, utuye i Nyamirambo, Prefegitura y'umujyi wa Kigali.

83. MUKAGACINYA Drocella, mwene MUNYERAGWE Grégoire na UWAMBAYE Marie, utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

84. GAKUBA Felix, mwene GATERA Pierre na CYAHUNGE Perpétue, utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura yUmujyi wa Kigali.

85. BUSHAYIJA Ephrem, mwene RUKEMAMPUZI Marcel Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

86. NYIRAMATAMA Anastasie, uhagarari we na Maître NDOLIMANA Pierre.

87. MURINDA Célestin, C/0 Maître NDOLIMANA Pierre.

88. MUKARUSAMARA Marie, C/O " Maître NDOLIMANA Pierre.
89. RWIVANGA Diogène, C/O Maître NDOLIMANA Pierre.

90. MUKAMUGEMA Costasie, Maître NDOLIMANA Pierre.

91. MUKARWIGEMA Bellancilla, C/O Maître NDOLIMANA Pierre.

92. NIRAGIRE Belthilde, C/O Maître NDOLIMANA Pierre.

93. KAYUMBA Ignace, C/O Maître NDOLIMANA Pierre.

94. NTAKABABAZA Mariane, C/O Maître NDOLIMANA Pierre.

95. ARURANGA Cléophas, C/O Maître NDOLIMANA Pierre.

96. CYIBUKAYIRE Victorie, mwene RWABIZI Thomas na MUKABIBI, washakanye na GAHIZI Laurent, utuye Kigabiro, Komini Rutonde, Perefegitura Kibungo.

97. NYAMWASA Justin, mwene SEBASHI na NYIRABASHI, utuye mu Biryogo Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

98. KAYIRANGA Hamissa, mwene KARANGWA Selemani na MUKAMUDENGE Fatuma, washakanye na KANYENZI Abdoul, utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

99. DUKUZUMUREMYI Donatha, uhagarari we na Maître NDOLIMANA Pierre.

100. SEBIKAMBA Yusufu, mwene MUNYANKINDI Issa na KABAYUNDO Hilima, washakanye na MADEMBA, utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

101. KAYITESI Jacqueline, mwene MUREKEZI na BAZIRETE, washakanye na KAYIGI Fançois, (+) utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

102. MUKANDOLI Caritas, mwene NYILINKWAYA na NYIRABABILIGI, utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Prefegitura y'Umujyi wa Kigali.

103. MUKAMANA Maïmuna, mwene MUTANGUHA Gaspard na MUKANDUTIYE Julienne, washakanye na IYAKAREMYE Assumani (+), utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

104. MUSABEMUNGU Issa, mwene UGIRASHEBUJA na MUKARUGARI, washakanye na UMUHOZA Falida, utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali .

105. NKURIKIYINKA Yunusu, mwene NIYIBIZI na MUKARUGALI, washakanye na MUKANKAKA, utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali .

106. MUKATURATSINZE Ziada, mwene NKOMATI Ambroise na NYIRAMBABAZI Adelle, washakanye na MAZINA Anaclet(+), utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

107. MUKANKUSI Safina, mwene UKOYITOREYE Wilson na MUKAMURIGO, washakanye na GAKWAVU Abdrahamani, utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

108. Umuryango wa KAYISIRE Innocent, uhagarari we na NISHIME Marie Rose, .mwene HABARUREMA na KANKUNDIYE, washakanye na KAYISIRE Innocent,.utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

109. UMURARANEZA Christine Salima, mwene NYAMUNIGA na MUTEGWARABA Belancile, utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

110. MUKAMANZI Théodomir, mwene RUSENGATABARO na NYIRATEGURA Alivera, utuye Gahora, Komini Gashora, Kigali Ngari.

111. MUKAKABERA Cathérine, mwene RUKOTORAMBUGA F. na KANYUNDO Astérie, washakanye na DUSABEMUNGU Théophile, utuye mu Biryogo, Komini Nyarugenge, Prefegitura y'umujyï wa Kigali.

112. UWANTEGE Farida, C/O Maître UMUBYEYI Béatrice.

113. SEGASHYA Giscard Didien, C/O Maître HAGUMA Jean.

114. NTWAZA Alain, C/O Maître HAGUMA Jean.

115. BITEGE RWAHAYA, C/O Maître HAGUMA Jean.

116. UMUTONI, C/O Maître NDOLIMNA Pierre.

117. UMURINGA Josiane, C/O Maître HAGUMA Jean.

118. UMWAMI Anita, C/O Maître HAGUMA Jean.

119. UWASE Aboubakar, C/O Maître HAGUMA Jean.

120. UMULUNGI Naïlla, C/O Maître HAGUMA Jean.

121. UMUHORAKEYE Aida, C/O Maître HAGUMA Jean.

122. UWANYILIGIRA, C/O Maître HAGUMA Jean.

123. RANGIRA Ibrahim, C/O Maître HAGUMA Jean.

124. KAYITESI Amandine, C/O Maître HAGUMA Jean.

125. NSHIMIYIMANA J.Claude, C/O Maître HAGUMA Jean.

126. MURENZI Emmanuel, C/O Maître HAGUMA Jean.

127. UWAGIRAKAYOGA Florida, C/O Maître HAGUMA Jean.

128. GASAYISIRE Donatila, C/O Maître HAGUMA Jean.

129. MUSANABAGENI Florida, C/O Maître HAGUMA Jean.

130. SERWAKIRA Raymond, C/O Maître HAGUMA Jean.

131. KAMANA J.Louis, C/O Maître HAGUMA Jean.

132. KAYUMBA Innocent, C/O Maître HAGUMA Jean.

133. GATARE Elie, C/O Maître HAGUMA Jean.

134. UWANZIGA Assume, C/O Maître HAGUMA Jean.

135. NSHIMIYIMANA Aboubakar, C/O Maître HAGUMA Jean.

136. NSENGIYUMVA Ismaël, C/O Maître HAGUMA Jean.

137. BUCYENSENGE Suedi, C/O Maître HAGUMA Jean.

138. WIBABARA Marie Chantal, C/O Maître Paul KATO ATITA

139. NSENGIYUMVA J.de Dieu, C/O Maître Paul KATO ATITA.

140. GAHIZI Albert, C/O Maître Paul KATO ATITA.

141. KABAYIZA Patrice, C/O Maître Paul KATO ATITA.

142. KABAYIZA Alain, C/O Maître Paul KATO ATITA.

143. MUKASE Angelique, C/O Maître Paul KATO ATITA.

144. NYIRABANA Gilbert, C/O Maître Paul KATO ATITA.

145. SIMPUNGA Martin, C/O Maître Paul KATO ATITA.

146. NYIRANEZA Marie Claire, C/O Maître Paul KATO ATITA.

147. GATETU Jean de Dieu, C/O Maître Paul KATO ATITA.

148. NIYOTWAGIRA Zamida, C/O Maître Paul KATO ATITA.

149. MBARUBUKEYE Zaidi, C/O Maître Paul KATO ATITA.

150. MONYINSHUTI Ali, C/O Maître Paul KATO ATITA.

151. NIYONSIIUTI Amina, C/O Maître Paul KATO ATITA.

152. NSHIZIRUNGU Radjabu, C/O Maître Paul KATO ATITA.

158. NYANDWI Abdulkarim, C/O Maître Paul KATO ATITA.

154. MUKANKURANGA Primitive, C/O Maître Paul KATO ATITA.

155. UMUNYANA Alice, C/O Maître Paul KATO ATITA.

156. SANO Estherie, C/O Maître Paul KATO ATITA.

157. MUSEZERANGABO, C/O Maître Paul KATO ATITA.

158. MANZI Marieri, C/O Maître Paul KATO ATITA.
159. MUTABARUKA AMUZA,

160. NYIRANSHIMIYIMANA, C/O Maître Paul KATO ATITA.

161. MUKESHIMANA, C/O Maître Paul KATO ATITA
162. NSABYIMANA, C/O Maître Paul KATO ATITA.

163. UWIMANA, C/O Maître Paul KATO ATITA.

164. HARELIMANA, C/O Maître Paul KATO ATITA.

165. BYUKUSENGE, C/O Maître Paul KATO ATITA.

166. GATERA, C/O Maître Paul KATO ATITA.

167. NISHIMWE Marie Rose, C/O Maître Paul KATO ATITA.

168. ICAYISINE Germaine, C/O Maître Paul KATO ATITA.

170. NIYONZIMA Assumani, C/O Maître Paul KATO ATITA.

171. NYIRASARI Assumini, C/O Maître Paul KATO ATITA.

172. UWAMAHO Mariamu, C/O Maître Paul KATO ATITA.

173. NIYONZIMA Akimu, C/O Maître Paul KATO ATITA.

174. MURANGIRA Gaël, C/O Maître Paul KATO ATITA.

175. RUTAGENGWA Gury, C/O Maître Paul KATO ATITA.

176. RUKUNDO Raoul, C/O Maître Paul KATO ATITA.

177. BUGARURA Yassini, C/O Maître Paul KATO ATITA.

178. KAYITARE Amini, C/O Maître Paul KATO ATITA.

179. SENDAKIZE Emile, C/O Maître Paul KATO ATITA.

180. UWIMANA Rose, C/O Maître Paul KATO ATITA.

181.MUNYANEZA Amelise, C/O Maître Paul KATO ATITA.

182. HAKIZIZMA, C/O Maître Paul KATO ATITA.

183. KAYIRANGWA Assia, C/0 Maître RWANGAMPHWE Façois.

184. KAYIRANGWA Aziza, C/0 Maître RWANGAMPHWE Façois.

185. KARANGWA Ali, C/0 Maître RWANGAMPHWE Façois.

186. KARANGWA Ibrahim, C/0 Maître RWANGAMPHWE Façois.

187. KAYIRANGWA Rehema, C/0 Maître RWANGAMPHWE Façois.

188. KAYIRANGWA Juliya, C/0 Maître RWANGAMPHWE Façois.

189. KAYIRANGWA Neza, C/0 Maître RWANGAMPHWE Façois.

190. MUKANDEKEZI, C/0 Maître RWANGAMPHWE Façois.

191. CYULINYANA, C/0 Maître RWANGAMPHWE Façois.

192. MOEBAIME, C/0 Maître RWANGAMPHWE Façois.

193. UWIMBABAZI, C/0 Maître RWANGAMPHWE Façois.

194. HABIYAMBERE, C/0 Maître RWANGAMPHWE Façois.

195. GAKWAYA Canisius, C/0 Maître RWANGAMPHWE Façois.

196. UWASE Mireille, C/0 Maître RWANGAMPHWE Façois.

197. UWABABYEYI Nicole, C/0 Maître RWANGAMPHWE Façois.

198. MUKAYIRANGA Imnaculée, C/0 Maître RWANGAMPHWE Façois.

199. SEFU wa Kweli, C/0 Maître RWANGAMPHWE Façois.

200. NYIRABUSURUKA Hamida, C/0 Maître RWANGAMPHWE Façois.

Umwishingizi w'indishyi :

LETA Y'U RWANDA

URUKIKO,

RUMAZE kubona ibaruwa n° A/08 yo kuwa 3/3/1997, Umushinjacyaha wa Mbere mu Rugereko Rwihariya yandikiye Perezida w'Urugereko amwohererereza dosiye n° 5018/S12/ST ya KAREKEZI Amuri amusaba ko iyo dosiye yaburanishwa ;

RUMAZE kubona ko iyo dosiye yanditswe mu gitabo cy'ibirego cy'Urukiko rw'Urugereko Rwihariye kuri n° RP 008/CS/KG, nyuma Perezida w'Urugereko agafata icyemezo cy'uko izabunishwa kuwa 28/03/1997, uwo munsi ukamenyeshwa ubushinjacyaha ;

RUMAZE kubona ko uwo munsi ugeze KAREKEZI Amuri yitabye Urukiko ku bushake bwe yunganirwa ba Maître Luc Walleyn na Maître BIMENYIMANA, urubanza rukaburanishwa mu ruhame Ubushinjacyaha buhagarari we na NDABUKIYE RUCONDO Vincent ;

RUMAZE kubona ko KAREKEZI Amuri akurikiranyweho ibyaha bivugwa haruguru ;

RUMAZE kumva KAREKEZI Amuri ushinjwa asomerwa umwirondoro we no akabazwa niba uwo mwirondoro ari uwe agasubiza ko harimo ikosa, ko umufasha we atari Zaina ari Ayisba ;

RUMAZE kumva Maître Luc Walleyn ahabwa ijambo akavuga ko uwo yunganira ari we KAREKEZI atasomye dosiye ye, kandi ko we na mugenzi we BIMENYIMANA na bo batabonye uwo mwanya wo kuyisoma, akaba sasba ko urubanza rwasubikwa rukimurirwa ku yindi tariki,

RUMAZE kumva KAREKEZI Amuri abazwa niba ataraboneye igihe urupapuro rumuhamagara kuza kuburana, agasubiza akavuga ko hashize ibyumweru bibiri abonye urwo rupapuro, abajijwe impamvu ataje gusoma dosiye agasubiza ko abayobozi ba gereza batamuhaye ubwo burenganzira ;

RUMAZE kubona Maître NDOLIMNA Pierre uhagarariye bamwe mu baregera indishyi avuga ko hagomba kubahirizwa amategeko asobanura ko hateganijwe iminsi umunani (8) kugira ngo barwane ku nyungu z'uregwa, ayo mategeko rero yarubahirijwe, ko umurinda atari we wamwimye uburenganzira bwo gusoma dosiye, mu izina ry'abo aburanira, agasaba ko urubanza rwasubikwa gusa kubera ko Leta y'u Rwanda itahamagawe kandi yararezwe ;

RUMAZE kumva Maître Luc Walleyn uburanira KAREKEZI Amuri avuga ko uwo aburanira yamubwiye ko yasabye uburenganzira ku bamushinzwe bwo kuza gusoma dosiye ye akimara kubona urupapuro rumuhamagara kuza kuburana, ntibabumuhe ;

RUMAZE kumva Maître UMUBYEYI Béatrice avuga ko icyifuzo cya KAREKEZI Amuri cyakubabirizwa Urukiko rumaze gusoma neza niba atarahawe ubwo burenganzira kandi akaba yifuza ko na leta y'u Rwanda yahamagarwa muri uru rubanza ;

RUMAZE kumva uhagarariye Ubushinjacyaha ahabwa ijambo akavuga ko Parike yakoze imirimo yayo ishinzwe nta kindi yagombye kubazwa ;

RUMAZE kubona ko Urukiko rwiherereye rugafata icyemezo gikurikira : "RUSANZE icyifuzo cya KAREKEZI Amuri n'umuburanira cy'uko urubanza rwasubikwa cyakubahirizwa kugira ngo KAREKEZI ategure neza dosiye ye »;

RUSANZE n'icyifuzo cy'abahagarariye abaregera indishyi cy'uko Leta y'u Rwanda yahamagarwa cyakubahirizwa ;

RUMAZE kumva ko urubanza rwimuriwe kuwa 16/04/1997 saa mbiri za mu gitondo rugasaba abaregeye indishyi ndetse n'abagabo bahari ko bagenda bamenyeshejwe itariki ndetse bakayisinyira ;

RUMAZE kubona ko kuri iyo tariki ushinjwa n'abaregera indisbyi bongeye kwitaba Urukiko na AMUR naho Leta y'u Rwanda ihagarari we na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini ititabye kandi yarahamagawe mu buryo bwemewe n'amategeko urubanza rukaburanishwa idahari ;

RUMAZE kumva KAREKEZI Amuri abazwa niba afite umwunganira agasubiza ko Maîte Josette KADJI amuranira ubwo burenganzira abumuhereye imbere y'Urukiko;

RUMAZE kumva SEFU wa Kweli umwe mu baregera indishyi avuga ko agiye mu butumwa ku Gisenyi ku mpamvu z'akazi akazaboneka ku musi ukurikiraho;

RUMAZE kumva Maître RWANGAMPUHWE Fançois avuga ko SEFU wa Kweli atagira aho ajya kubera ko hari ibyo agomba gusobanura ku byerekeye ibyaha KAREKEZI Amuri ashinjwa ;

RUMAZE kumva KAREKEZI Amuri abazwa niba yemera ibyaha ashinjwa, agasubiza ko atabyemera ;

RUMAZE kumva Maître Josette KADJI wunganira KARIKEZI Amuri avuga ko icyifuzo cye ari uko KAREXEZI yaba arekuwe by'agateganyo kubera ko magingo ayo ifungwa rye ridakurikije amategeko ;

RUMAZE kumva akomeza avuga ko yifuza ko yazaburana hakurikijwe itegeko n° 9/96 ryo kuwa 8/4/1996 rigena imihindukire y'agateganyo y'imiburanishirize y'imanza z'inshinjacyaha mu ngingo yayo ya 2, igika cya gatatu iteganya ko gushyikirizwa Ubucamanza bivugwa mu ngingo ya 38 bigomba kuba byakozwe mu mezi atatu (3) akurikira itangwa ry'impapuro zifunga by'agateganyo ku bantu bafashwe bagafungwa by'agateganyo hagati y'umunsi iri tegeko rizatangarizwaho n'itariki ya 31 Ukuboza 1997 ;

RUMAZE kubona Maître Josette Kadji asobanura ko KAREKEZI yabonye urwandiko rumufunga by'agateganyo kuwa 27/11/1996 yagombaga kuba yarashyikirijwe Umucamanza bitarenze tariki ya 27/03/1997, ibyo Parike ntibikore, kugeza uyu munsi uregwa akaba atarashyikirizwa Umucamanza kugira ngo afate icyemezo ku ifungwa rye rye ry'agateganyo, akarangiza asaba ko Amuri yagombye kurekurwa by'agateganyo akazitaba ari hanze kugira ngo amategeko yubahirizwe ;

RUMAZE kumva Maître Atita umwe mu baburanira abaregera indishyi avuga ko Urukiko rutakwita kubyo Maître Josette Kadji amaze kuvuga kubera ko ibyo yasabye byubahirijwe byaba bibogamiye abo aburanira, agakomeza gusobanura ko KAREKEZI afungunzwe by'agateganyo nta kigaragaza ko yaguma ku butaka bw'u Rwanda akaba ari yo mpamvu agomba kuguma muri gereza akazariha ibyo yakoze kimwe n'indishyi yakwa ;

RUMAZE kumva Maître Josette Kadji avuga ko Maître Atita ibyo amaze gukora binyuranyije n'amategoko kuko abaregera indishyi ntacyo bavuga ku byerekeye ifungwa ry'umuburanyi asobanura ko bireba Parike, umuburanyi n'umuburanira, agasaba ko amatogeko yakubahirizwa uko ari kuko ababuranira indishyi nta burenganzira bafite bwo gusaba ko amategeko yicwa nkana ;

RUMAZE kumva akomeza avuga ko KAREKEZI Amuri aramutse yitabye Urukiko ari hanze nta cyo byahindura ku byo aregwa nta n'aho byabangamira abaregera indishyi;

RUMAZE kumva Umushinjacyaha avuga ko Parike isanga kuba KAREKEZI Amuri yarekurwa akazaburana ari hanze byabangamira umutekano we kandi ubwe na we ashobora guhungabanya uw'abandi akaba asanga ibyo Maître Atita yavuze bifite ishingiro ;

RUMAZE kumva Maître Josette Kadji abazwa kugira icyo avuga ku mvugo y'ubushinjacyaha, agasubiza Maître ko ashimishijwe n'uko umushinjacyaha yameye ko KAREKEZI Amuri kugeza ubu afunzwe mu buryo bunyuranije n'amategeko naho kubisigaye akurikira icyemezo cy'Urukiko ;

RUMAZE kumva Maître RWANGABTUHWE Fançois na we wunganira abaregera indishyi avuga ko urubanza rutahagarikwa nubwo icyifuza cya Maître Josette Kadji cyaba gifite ishingiro ko urubanza rwakomeza icyemezo cy'urukiko kikazatangwa nyuma y'amasaha 48 ;

RUMAZE kumva Maître HAGUMA na we wunganira abaregera indishyi avuga ko inzitizi yatanzwe na Maître Kadji Josette ifîte ishingiro ariko itahagarika urubanza ngo rureke kuburanishwa, agakomeza avuga ko KAREKEZI Amuri yarekurwa by'agateganyo maze Ubushinjacyaha bugahita bwemeza (confirmer) ifatwa rye ;

RUMAZE kumva KAREKEZI Amuri abazwa kugira icyo avuga ku cyifuzo cy'umwunganira agasubiza ko agishyigikiye kubera ko afunzwe binyuranyije n'amategoko;

RUMAZE kumva Maître Atita avuga ko icyemezo cy'umushinjacyaha kigomba kugumaho kuko ibyaha KAREKEZI Amuri yakoze biteye agahinda kubera abantu benshi yishe, agasaba Urukiko gufata icyemezo ku nzitizi zatanzwe maze umushinjacyaha agakora akazi ke kuko afite ububasha bwo guhita afata icyemezo no ku muntu wavuye iwe atari azi ko yakoze icyaha ;

RUMAZE kumva Maître Kadji Josette avuga ko we, nk'umanyafurikakazi ababajwe n'ibyabereye mu Rwanda ariko rero atazanywe
no gushotorana icyo ashaka ari uko amategeko yakurikizwa u Rwanda rukagira ubutabera nyabwo ;

RUMAZE kubona ko iyo nzitizi igomba gusuzumwa rwarihererey rufata icyemezo gikurikira :

"RUSANZE icyifuzo cya Maître Josette Kadji wunganira ushinjwa KAREKEZI Amuri asaba ko, uwo yunganira yafungurwa akaburana adafunzwe kuko ifungwa rye ry'agateganyo ritubahilije ingingo ya 2, igika cya gatatu cy'itegeko n° 9/96 ryo kuwa 8 Nzeri 1996 rihindura by'agateganyo igitabo cy'amategoko agenga imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, gifite ishingiro kandi cyakubahirizwa kuko KAREKEZI Amuri yafunzwe by'agateganyo kuwa 27 Ugushyingo 1996 akaba yaragombaga kuba yarashyikirijwe Umucamanza bivugwa mu ngingo ya 38 y'igitabo cy'imiburanishirize y'imanza z'inshyijabyaha bitarenze tariki 27/02/97 (ni ukuvuga bitarenze amezi atatu), ibyo bikaba bitarakozwe, kugira ngo amategeko yubahirinzwe ;

RUTEGETSE ko KAREKEZI Amuri afungurwa akaburana adafunzwe kuko ifungwa rye ry'agateganyo rinyuranyije n'amategeko ;

RUMAZE kubona ko uwo munsi urubanza rwahagaritswe rukimurirwa kuwa 7/05/1997 kubera iyo nzitizi, uwo munsi ugeze ushinjwa n'abaregera indishyi bakitaba urukiko ;

RUMAZE kumva KAREKEZI Amuri abazwa niba yemera ibyaha (9) icyenda ashinjwa agasubiza ko atabyemera ariko yemera ko itsemba bwoko ryabaye mu Rwanda ;

RUMAZE kumva abazwa niba hari abantu bapfuye muri Segiteri ya Biryogo n'icyabishe agasubiza ko kuva uwari Perezida w'u Rwanda HABYARIMANA amaze gupfa, abasirikare batangiye kwicana ndetse n'interahamwe n'impuzamugambi bica abantu benshi mu Rwanda hose ;

RUMAZE kumva KAREKEZI Amuri abazwa niba izo nterahamwe zari izo muri Segiteri ye n'abayobozi bazo, agasubiza ko buri Segiteri yari ifite interahamwe naho ku byerekeye abayobozi akavuga ko muri Biryogo, hari KITONSA na NDAYITABI naho we ngo nta mwaya yari afite haba no mu rwego rw'amashyaka uretse ko yari umurwanashyaka wa MRND ;

RUMAZE kumva KAREKEZI Amuri nk'umurwanashyaka wa MRND abazwa ukuntu atakoranaga n'interahamwe kandi nazo zari muri iryo shyaka zakoreraga, agasubiza ko atigeze akorana nazo ;

RUMAZE kumva Maître UMUBYEYI Béatrice avuga ko babaza KAREKEZI Amuri umumaro w'imbunda yahawe na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu na we agasubiza ko imbunda yahawe na Perefe w'Umujyi wa Kigali zari izo kurinda Umutekano kandi ko zagabanyije ubwicanyi n'ubwo zitabujije interahamwe kwica ;

RUMAZE kumva KAREKEZI Amuri abazwa izo mbunda yatanze abazikoreshaga, asubiza ko zakoreshejwe na ba responsable n'abaselire, akavuga ko yahaye NSENGIYUMVA Pierre 2, RWAKANA Selemani 1, GATERA Alphonse 1 na NIZEYIMANA Hassani 1 ;

RUMAZE kumva Maître Fançois abaza KAREKEZI uwari Umuyobozi w'impuzamugambi n'abandi bantu azi bicaga usibye interahamwe n'izo mpuzamugambi, agasubiza ko hari n'abari mu ishyaka rya MDR power na bo bicaga naho Umuyobozi w'impuzamugambi akavuga ko yitwaga SIMBIZI Stanislas ;

RUMAZE kumva KAREKEZI Amuri abazwa ko we na ba Responsable bari bazi gukoresha izo mbunda agasubiza avuga ko ari we utari ubizi wenyine ;

RUMAZE kumva abazwa ko hari inama zakorewe muri Segiteri ya Biryogo agasubiza ko zahakorewe zihamagarira abaturage Umutekano no kumvisha abantu ko batagomba gusubiranamo, abajijwe itariki izo nama zabereyeho agasubiza ko ubwo hari hagati ya tariki 10 na 15/4/1994 ;

RUMAZE kumva KAREKEZI Amuri abazwa umubare w'abantu yabonye bicwa n'interahamwe, agasubiza ko uwo yiboneye ari MUPENZI warashwe na KITONSA na MPAMBARA SHABANI, ko usibye imirambo yagendaga abona ntamenye abayishe, akomeza avuga ko atigeze ava mu rugo kuva tariki 4 kugeza kuya 15/04/1994 ;

RUMAZE kumva KAREKEZI Amuri asomerwa urwandiko abazwa niba ari we warwandikiye ba responsable agasubiza ko ari we kandi ko urwo rwandiko ari ikimenyetso kigaragaza ko yashakaga umutekano muri Segiteri ya Biryogo ;

RUMAZE kumva Umushinjacyaha avuga ko babaza KAREKEZI Amuri icyo yashakaga kuvuga muri ariya magambo yanditse mu ibaruwa ngo "noneho n'ibyamoko bikaba bivuyeho" agasubiza ko yasubiyemo ibyo Perefe w'Umujyi wa Kigali yari yamwaridikiye ;

RUMAZE kumva KAREKEZI Amuri abazwa niba yari Perezida w'ishyirahamwe PORI agasubiza ko yari umunyamuryango, abajijwe ko PORI itigeze yigisha abantu gukoresha imbunda agasubiza ko nta cyo abiziho ;

RUMAZE kumva KAREKEZI asomerwa ibaruwa yo kuwa 18/8/93, PORI yandikiye RTLM na raporo ya PORI amaso ya muvoma muri AMR, agasubiza ko ugomba gutanga ibisobanuro kuri izo nyandiko ari Sheik MUGWIZA Ahmed wazishyizeho umukono ;

RUMAZE kumva na none asomerwa indi nyandiko yandikiye Umuyobozi wa MUVOMA ivuga ka PORI ari ijisho rya MRND muri AMUR agasubiza avuga ko iyo nyandiko ari impimbano atayemera asaba Ubushinjacyaha ko bwagaragaza inyandiko y'umwimerere (l'original) kugira ngo abone kugira icyo aruvagaho ;

RUMAZE kumva Umushinjacyaha avuga ko babaza KAREKEZI Amuri igice cy'abayisilamu cyari ijisho rya MUVOMA, agasubiza ko iryo shyirahamwe ryariho ariko agasaba ko bariya bantu bari muri PORI bavugwa ko bashyize umukono ku ibarwa, babibazwa kuko barifatanyije ;

RUMAZE kumva abagabo basbyizeho umukono kuri iyi nyandiko bahamagawe, abaregeye indishyi bose bamaze kurahira ko bavuga ukuri, bose Urukiko rubereka iyo nyandiko KAREKEZI Amuri ashingiraho ahakana icyaha ;

RUMAZE kumva umwe umwe muri abo bagabo abazwa niba iyi nyandiko ayemera bose bagasubiza ko batayemera ;

RUMAZE kumva Maître Georges Raymond avuga ko iyo baruwa itari isanzwe muri dosiye agasaba Umushinjacyaha kugaragaza inyandiko y'umwimerere (l'original) yiyi baruwa avuga ko nabwo niba itabonetse KAREKEZI Amuri agomba kubona igihe cyo kuyiga;

RUMAZE kumva KAREKEZI Amuri avuga ko nta baruwa nimwe muri PORI yanditnwe idahawe nimero, kuba rero nta numero bigaragaza ko ari impimbano asaba ko urwo rwandiko rutagomba gushingirwaho ;

RUMAZE kumva Maître Fançois RWANGAMPUHWE avuga ko ingingo zose (informations) Urukiko rwazakira akaba ari rwo rugomba gushishoza rukareba aho ukuri guherereye naho ibyo KAREKEZI Amuri avuga ko ibaruwa nta nimero bidafite ishingiro ;

RUMAZE kumva Sheikh MUGWIZA avuga ko izo nyandiko ari impimbano kandi ko yabimenyesheje Parike bityo izo baruwa zose zanditsweho PORI Zikaba zidafite ishingiro ;

RUMAZE kumva KAREKEZI Amuri abazwa impamvu atasezeye mu ishyaka MRND ryashoye urubyiruko mu bwicanyi rugatsemba imbaga y'abanyarwanda agasubiza avuga ko kuba umunyamuryango wa MRND bitavuze ko yarashyigikiye ibikorwa byawo byose cyane cyane ibibi ;

RUMAZE kumva Umushinjacyaha avuga ko babaza KAREKEZI uwari ahagarariye MRND muri secteur Segiteri ya Biryogo agasubiza ko yari HAKIZIMANA SUBEDI ;

RUMAZE kumva Maître UMUBYEYI Béatrice avuga ko babaza KAREKEZI Amuri ko gusobanura ijambo "repli" rikunze gukoreshwa n'abasirikare cyangwa n'indi mitwe yitwara gisirikare, agasubiza ko ari ijambo Perefe na KARAMIRA Fodouard babwiye abaturage igihe inkotanyi zari hafi yo kwigarurira umujyi wa Kigali ;

RUMAZE kumva ko hakurikiyeho ibazwa ry'abagabo ;

RUMAZE kumva CYABAKANGA Etienne abazwa ibyo azi ku byaha KAREKEZI Amuri ashinjwa agasubiza ko ibyo KAREKEZI Amuri ashinjwa ari ukuri kandi ko yabikoze yitwaje umwanya w'ubuyobozi yari afite muri Segiteri avuga ko ari we watanze imbunda zakoreshejwe mu Biryogo kandi ko n'umuryango we (wa CYABAKANGA) wicwa KAREKEZI yari ahari arebera ;

RUMAZE kumva MUKANDOLI Caritas abazwa kuvuga ibyo azi ku rupfu rw'umuryango wa CYABAKANGA Etienne, agasobanura ko HABYARIMANA akimara gupfa interahamwe zahise zitera kwa CYABAKANGA zirahatwika ;
KAREKEZI Amuri amaze kumenya ko nta wapfuye muri uwo muryango abeshya ko batongera kwica agira ngo umuryango wa CYABAKANGA wihishure maze bawice ubwo interehamwe ngo zihita zigaruka bica abo kwa CYABAKANGA n'abana ba MUNYANKINDI, arangiza avuga ko ari KAREKEZI Amuri wicishije abantu mu Biryogo ndetse ko hari n'icyobo kuri Segiteri yahacukuje cyo kujugunyamo abantu bose bicirwaga kuri Segiteri ;

RUMAZE kumva MUKANDOLI Caritas abazwa niba abana babiri ba CYABAKANGA barishwe na KAREKEZI Amuri ubwe agasubiza ko ari we watanze uburenganzira bwo kubica ;

RUMAZE kumva MOHAMED Malike asabwa kugira icyo avuga ku myitwarire ya KAREKEZI Amuri mu gihe cy'intambara akavuga ko ntacyo abiziho, abajijwe gusobanura ibyo yavugiye imbere y'Umushinjacyaha agasubiza ko ko yavuze ko KAREKEZI yari umukuru w'ibikorwa byose byakorwaga muri Segiteri ye, kandi ko yari afite ububasha bwo guhagarika ubwicanyi muri Segiteri ya Biryogo agakomeza avuga ko ubwo KAREKEZI yageze mu rugo rwe kuhashakira MUHAYA akamubaza n'umufasha we (Malike) aho ari byamuteye impungenge ;

RUMAZE kumva Umushinjacyaha avuga ko babaza MALIKE icyo KAREKEZI Amuri yashakiraga MUHAYA n'impamvu yatumye ajya kumushakira iwe agasubiza ko MUHAYA yari inshuti ye naho icyo yamushakiraga atakizi na we ;

RUMAZE kumva MALIKE abazwa uko yabonye KAREKEZI muri icyo gihe yamusuraga mu rugo agasubiza ko yagize impungenge kuko atamenye mu by'ukuri icyari kimuzanye ;

RUMAZE kumva SEFU wa KWELI abazwa ibyo azi ku byaha KAREKEZI Amuri ashinjwa agasubiza ko ibyo yakoze atabibonye n'ibyo amuziho ko ari ibyo yabwiwe, agasobanura ko KAREKEZI yamuhize mu ntambara ngo bamwice kuko batavugaga rumwe, amwoherereza interahamwe zo kumwica yihisha iminsi itatu (3) bakamabura ;

RUMAZE kumva abazwa ibikorwa bibi KAREKEZI Amuri yaba yarakoze abyitirira PORI, agasubiza ko yagegerageje guhindura PORI igikoresho cya MRND ariko ntibyashoboka ;

RUMAZE kumva Lavie Albert abazwa ibyo azi ku myitwarire ya KAREKEZI Amuri mu gihe cy'intambara agasubiza ko bakoranye na KAREKEZI ari abapolisi 12 kugeza intambara y'itsembabwoko itangira, akavuga ko KAREKEZI yagize uruhare runini mu bwicanyi bwabaye kuko ubwe hari abo yashakishaga ngo bicwe barimo Mama KARIMU, RUGIRA Saïd n'abandi agasobanura ko abantu ba mbere bishwe n'abasirikare maze KAREKEZI ajya gusaba

imbunda aziha interahamwe zitoje azibwira ko zigomba guhiga SEFU wa KWELI ngo kuko ai we watunye abayisilanu bayoboka FPR ;

RUMAZE kumva akomeza avuga ko KAREKEZI Amuri yicishije abana ba CYABAKANGA n'umwana wa GASASIRA Selemani kandi ko yagiraga amagambo mabi ashishikariza abantu ubwicanyi, ko yasahuye n'imodoka esheshatu (6) ;

RUMAZE kumva Lavie Albert abazwa ibyo azi ku byerekeye imbunda 5 KAREKEZI Amuri yahaye ba responsable, agasubiza ko izo mbunda yazihaye interahamwe zitoje, zose n'izindi zari zatanzwe n'amashyaka, kandi ko KAREKEZI Amuri yakoranaga amanama n'interahamwe cyane cyane KARIMU ;

RUMAZE kumva abazwa uruhare KAREKEZI Amuri yagize mu mazu yasenywe, agasubiza ko yasenyeye GATERA, NGAMIJE, Alexis nabandi atazi amazina ;

RUMAZE kumva Maître UMUBYEYI Béatrice avuga ko babaza Lavie Albert ibyo urupfu rwa DJUMA BINEGO wari responsable, agasubiza ko yari umusimbura wa KAREKEZI Amuri kandi ko yari no ku rutonde rw'amazina y'abashakishwaga kwicwa ;

RUMAZE kumva NYATANYI J.B abazwa ibyo azi ku byaha KAREKEZI Amuri ashinjwa agasubiza ko yicishije umuryango wa CYAMAKANGA wari wahungiye iwe kuwa 18/4/1994, agasobanura ko habanje kuza interahamwe ziyobowe na NINJA uwo muryango uziha amaFanga ziragenda zihuye na KAREKEZI Amuri arazituka cyane ngo nibwo zagarutse kubica kubera ayo mabwiriza zari zimaze guhabwa ;

RUMAZE kumva NYATANYI abazwa niba hari abantu bari kumwe na we ubwo KAREKEZI Amuri yatangaga amabwiriza yo kwica umuryango wa CYABAKANGA, agasubiza ko yari yihishe iwe mu rugo wenyine ;

RUMAZE kumva RUTAYISIRE Eugène abazwa ibyo azi kuri KAREKEZI Amuri mu gihe cy'intambara, agasubiza ko ahereye mu w'1990 yafungishije abantu ngo n'ibyitso akoresha amanama yo gutsemba abatutsi, amashyaka aje na bwo atoza CDR na MRND gutsemba abantu ;

RUMAZE kumva akomeza avuga ko mu w'1994 mu kwa gatatu KATUMBA amaze gupfa, KAREKEZI yicishije abantu benshi agatangira no kubasenyera, agakomeza avuga ko ubwo bari bamaze guhungira muri Paroisse Saint André haje imodoka ya KAREKEZI Amuri ari kumwe n'interahamve bagapakira abantu bamwe mu bari aho babicira mu cyobo cyari hepfo mu bafurere ;

RUMAZE kumva RUTAYISIRE abazwa niba yariboneye KAREKEZI Amuri muri paroisse ya mutagatifu Andereya n'amaso ye agasubiza ko yamubonye mu modoka ya Mazda y'icyatsi n'izindi nterahamwe nk'uwitwa MUNYANEZA, KENNEDY na KITONSA;

RUMAZE kumva Maître Georges Raymond avuga ko buri mugabo uzajya abazwa KAREKEZI Amuri yajya agira icyo abivugaho nk'uko amategeko abiteganya hatagombye kubaho gutegereza ;

RUMAZE kumva SOBIYO Jean abazwa ibya azi kuri KAREKEZI Amuri mu gihe cy'intambara, agasubiza ko yamubonye muri Paroisse ya Mutagatifu Andereya saa sita z'amanywa mu matariki 18 na 20/6/94 mu modoka ye ya MAZDA y'icyatsi ari kumwe n'interahamwe bashakisha abo bica nyuma ngo yakoresheje inama ayitumiramo Padiri amubwira ko nta mpunzi ashaka Muri Saint André ;

RUMAZE kumva RANGIRA Saïdi abazwa ibyo azi ku byaha KAREKEZI Amuri ashinjwa, agasubiza ko mu kwa 6/1992 yamwoherereje convocation amusaba kwisobanura kubera umuhungu wari mu nkotanyi nyuma yakomeje kumutoteza akohereza interahamwe kumutera amabuye mu rugo, mu bahageze uwo yashoboye kumenya ni DJAMALI mwene KAREKEZI Amuri, RANGIRA agiye gutakira KAREKEZI amushubiza ko agomba gutegereza n'ibindi ;

RUMAZE kumva RANGIRA Saïdi akomeza avuga ko intambara yaraye ibaye interahamwe za KAREKEZI Amuri zitwa Djuma, Useni, Karimu n'abandi zateye aho yari atuye babasaba indangamuntu bakizitanga batangira kubarasa, KAREKEZI na MUTUYEYEZU baza gupakira izo ntumbi umugore we (Rangira) abireba ;

RUMAZE kumva KAREKEZI Amuri asabwa kwiregura ku mvugo z'abagabo bamushinja agasubiza ko ntacyo abaza MUTUYEYEZU yatanzeho umagabo ataraza ;

RUMAZE kumva Maître NDOLIMANA Pierre avuga ko KAREKEZZI Amuri yabaza abagabo bamaze kubazwa, ahereye ku byo bavuze naho ibyo avuga ngo arindiriye umugabo yatanze ko aza ari ugushaka gutinza urubanza ;

RUMAZE kumva asobanurirwa n'Urukiko ko abagabo yatangiye mu rubanza yari kuba yarabikoze mbere kuko urubanza rumaze igihe rutangiye ;

RUMAZE kumva KAREKEZI Amuri avuga ko CYABAKANGA Etienne yavuze ko ari we wahaye MUTUYEYEZU abana be ngo ajye kubica, yagombye rero kuba ahari kugira ngo abisobanure ;

RUMAZE kumva Maître Fançois RWANGAMPUHWE avuga ko icyifuzo cya KAREKEZI Amuri cyakwemerwa ntiyitwaze ko atahawe uburenganzira bwo kwisobanura no kuvuga icyo atekereza ;

RUMAZE kumva Maître UMBYEYI Béatrice avuga ko uwo KAREKEZI Amuri atangaho umugabo afunze kandi afungiye itsembabwokoko niba afungiwe abana ba CYABAKANGA akaba we atabyemera, atumva ibyo yaza kuvuga aho ;

RUMAZE kumva KAREKEZI Amuri asabwa kugira ibyo abaza ku byaha MUHAMED Malike amushinja agasubiza ko amusaba gusobanura ukuntu yahinduye imico mu ntambara, MOHAMED Malike akavuga ko KAREKEZI Amuri aza iwe byamuteye impungenge kubera abantu bari bamaze gupfa muri quartier naho kuba ataritwaye neza avuga ko yabisobanuye bihagije kuko yari afîte ubushobozi bwo kurengera abarenganaga ntabikore ;

RUMAZE kumva KAREKEZI Amuri avuga ko nta cyo abaza SEFU wa Kweli kubera ko yivugiye ko ibyo yavuze ngo yabyumvanye abandi kandi ko atigeze amubona mu ntambara ibyo rero bikaba nta shingiro bifite ;

RUMAZE kumva KAREKEZI Amuri avuga ko babaza Lavie Albert impamvu yamubonaga akora amarorerwa ntamubuze kandi yari afite imbunda agakomeza avuga ko n'imvugo ze zigenda zinyurana ibyo yavugiye imbere ya OMP atari byo avuga mu Rukiko ;

RUMAZE kumva Lavie Albert avuga ko atashoboraga kumwica kubera ko avuga ko KAREKEZI Amuri yakundaga kujyana n'abasore b'interahamve akamusiga ku rugo cyane cyane ngo iyo yabaga agiye mu manama nko kuri Segiteri ya Biryogo mu Rwampara n'ahandi ;

RUMAZE kumva KAREKEZI Amuri avuga ko nta nama n'imwe yigeze ibera kuri Segiteri kuva tariki 7/4/94 kugeza kuva 30/6/94, ko basangaga abaturage muri Selire yabo naho inama ya Rwampara akavuga ko yari iyobowe na Responsable wa Selire Agatare ikorerwa inyandikomvugo ;

RUMAZE kumva abazwa niba hari icyo apfa na Lavie Albert agasubiza ko nta cyo usibye ko abeshya kandi agenda yivuguruza mu magambo;

RUMAZE kumva Lavie Albert abazwa kugira icyo avuga ku kibazo cyo gusenya amazu, agasubiza ko bahuruye we na KAREKEZI bavuze ko hari inyenzi zateye ku Gitega, bageze ku nzu ya GATERA bavuga ko arimo ziri, inzu bayisukaho essence irashya barayisakambura, KAREKEZI Amuri ahahagaze ntiyababuza ;

RUMAZE kumva KAREKEZI Amuri avuga ko babaza Lavie Albert ibisobanuro by'amamodoka atandatu (6) amubeshyera ko yasahuye, agasobanura ko hari imodoka Pegeot 405 KAREKEZI yahaye RWIROHA ngo ayigurishe azamuhe amafaranga n'ISUZUKI ya SONARWA yahaye umusirikare ngo abe ari we uyambukana Congo na Pegeot 505 yabaga muri ONATRACOM yagejejwe ku Gisenyi na Ali Hassani na TOYOTA Corola yari ifite Plaque z'indundi n'indi Toyota Corola automatique na zo yagurishije na Pegeot 404 ;

RUMAZE kumva KAREKEZI Amuri yemera ko imodoka eshanu (5) ari zo zageze mu rugo iwe ariko na zo zagiye zibona banyirazo;

RUMAZE kumva Lavie Albert abazwa abantu KAREKEZI Amuri yashakishaga kwica mu ntambara agasubiza ko hari RANGIRA, Saïdi, Maman KARIMU, SEFU wa Kweli n'abandi benshi atibuka KAREKEZI Amuri yari afite kuri lisiti mu biro bye ;

RUMAZE kumva KAREKEZI Amuri avuga ko abohereje abana mu nkotanyi atari bariya batatu gusa hari n'abandi kandi nta cyo babaye ;

RUMAZE kumva RANGIRA Saïdi avuga ko mu w'1990 inkotanyi zitera KAREKEZI Amuri yavugiye kuri Radio Rwanda ngo yafatiye muri ruhurura imyambaro y'inkotanyi, amasasu na Radio y'itumanaho bahita batema ishyamba rya Majidi n'intoki bashaka inyenzi zihishemo ;

RUMAZE kumva KAREKEZI Amuri avuga ko ibyerekeye gutema intoki n'amashyamba ari icyemezo cyafashwe na Leta yari ihari, ko niba yarayoboye uwo muganda yubahirizaga icyemezo cya Prefegitura y'Umujyi wa Kigali ;

RUMAZE kumva MUTUYEYEZU Pascal umwe mu bagabo KAREKEZI Amuri yahamagaje abazwa ibyo azi ku rupfu rw'abana babiri ba CYABAKANGA Etienne, agasubiza ko nta cyo aruziho ndetse ko na CYABAKANGA atamuzi ;

RUMAZE kumva Lavie Albert avuga ko umuhungu wa KAREKEZI witwa Madjidi yazanye abana babiri ba CYABAKANGA mu rugo abahungisha, ubwo se ngo yari kuri Perefegitura, ageze mu rugo KAREKEZI ategeka ko abana burira imodoka MUTUYEYEZU abajyana kuri Segiteri aho biciwe ;

RUMAZE kumva MUTUYEYEZU Pascal avuga ko imodoka yatwaraga ya Perefegitura yari ishinzwe gutwara imirambo yari ku muhanda ikajya ku irimbi avuga ko yumvaga bavuga ko abo bantu bicwa na Ninja afatikanyije n'abasirikare ;

RUMAZE kumva Maître NDOLIMANA Pierre avuga ko babaza MUTUYEYEZU niba muri icyo gihe atarigeze atwara abantu bazima usibye imirambo, agasubiza ko abantu azi yatwaye ari Umudamu witwa CLAIRE, KAREKEZI yamuhaye ngo amuhungishirize i NYANZA ;

RUMAZE kumva KAREKEZI Amuri avuga ko ubwa mbere yumva isasu ryavugiye kwa KAMEGERI Amuri bishe murumuna we yishwe na NINJA, abajije uwamuhaye imbunda BABUZINTURO Djuma wari umukuru w'ishyaka PDI amubwira ko iyo mbunda NINJA na MUKIGA bayihawe na RWIGEMA Selestini ;

RUMAZE kumva akomeza avuga ko Rwigema Selestini yahoze kuri bariyeri mu gihe cy'intambara kugeza tariki 25/06/94 ajya muri Hôtel des milles collines iyo mbunda ngo yayitanze tariki ya 7/4/94 ;

RUMAZE kumva MUKAKALISA Astérie asaba kugira icyo avuga ku myitwarire ya KAHEKEZI Amuri avuga ko yamutoteje amubuza amahoro uhereye mu w'1990 ngo ni inyenzi ageza naho ajya yohereza interahalwe zikarara ku rugo rwa MUKAKALISA, zibaserereza amaherezo ngo yaje kumuteza igitero kiza gishaka umuhungu we barahunga bajya mu ba Fères Josephites ;

RUMAZE kumva KAREKEZI Amuri avuga ko MUKAKALISA yari afitanye ikibazo n'umugabo we ngo niba rero barazaga mu biro bya Segiteri mu bibazo byabo akabikemura uko atashakaga ibyo atabizira, akarangiza avuga ko nta n'umwana we wari mu nkotanyi ;

RUMAZE kumva RUGARAVU Yahaya asaba kugira icyo avuga ku byaha KAREKEZI Amuri ashinjwa, akavuga ko ashimangira ibya mikoro kuko yari uwa mbere mu bahamagarwaga na MUNYANDEKWE, GAHIGI, MAMA KARAMBIZI, MUHAYA, SELEMANI, KARANGWA na RANGIRA Saïdi, iyo mikoro ngo yari iyo kubateza abaturage, nyuma yagiye kumutakambira KAREKEZI Amuri amusaba ikarita y'umuryango MRND, ayibuze amubwira ko nta cyo yamumarira ;

RUMAZE kumva RUGARAVU abazwa ibyo bavugaga muri iyo mikoro, agasubiza ko bavugaga ko atari abanyarwanda ari abantu baturutse muri Etiyopiya na Somaliya ;

RUMAZE kumva niba hari ibindi ashobora kubwira Urukiko kuri uru rubanza, akavuga ko imyitozo y'interahamwe yayoborerwaga mu nzu ya KITONSA yari yaraguze na GITEMERI kandi ko KAREKEZI Amuri ari we wari ku isonga yazo naho ibyo yavuze ngo ntiyumvikanaga na KITONSA akavuga ko bapfaga imbunda za Segiteri yashakaga kujyana iwabo ku Gisenyi ;

RUMAZE kumva KAREKEZI Amuri avuga ko intambara itera RUGARAVU yari muri Tanzaniya agarutse ngo yagize ibibazo bamutera Grenade aramusura, RUGARAVU akamubwira ko akeka ko iyo Grenade yayitewe n'umuturanyi we ;

RUMAZE kubona ko uwo mmsi rwahagaritswe kubera ubwire rwimurirwa kuwa 21/5/1997, uwo minsi ugeze ushinjwa n'abaregera indishyi bakitaba Urukiko;

RUMAZE kumva imvugo z'abagabo zikomeza Padiri OTTO na Blanchard bahabwa umwanya wo gusobanura neza uko abantu bapfuye muri Paroisse ya Mutagatifu Ndereya ;

RUMAZE kumva Padiri BLANCHARD abazwa icyo azi ku byaha KAREKEZI ashinjwa, agasubiza amaze kurahira ko mu ntambara yari muri Paroisse ya Nyamirambo, ku itariki ya 8/4/94 bahicira abantu bagera kuri 16 abandi babatwara ku ngufu kuwa 10/06/1994 no mu ijoro rishyira uwa 15/4/94, mu baje gutwara abantu muri Paroisse avuga ko uwo yamenye ari KIGINGI, abajijwe imodoka yahageze uko yari imeze agasubiza ko atashoboye kuyimenya ;

RUMAZE kumva akomeza kuvugako yumvaga bavuga ko KAREKEZI Amuri yahageze kuwa 4/4/94 n'abandi bategetsi, basaba ko abantu basubira iwabo bakabarindira umutekano, bamuhatira kubasezerera, ariko aranga kubera ko bizanye atari we wabahamagaye ;

RUMAZE kumva BLANCHARD avuga ko batelefonnye abajandarume ngo batabare abo bantu interahamwe zari zagiye kwica, batarahagera zibateramo Grenade Lacrymogène bararasa cyane kugera zinjiye muri Paroisse zisohora abantu zirabatwara zikomeretsamo n'abandi 10 barimo Godebertha, Antoinette, Mama Gentille n'abandi ;

RUMAZE kumva abazwa abantu baharokokeye uko bangana, agasubiza ko hari bake babohojwe n'inkotanyi bageze ku 110 n'abandi bageze kuri 85 barokokeye mu Kiliziya ;

RUMAZE kumva Padiri OTTO Mayère wa Paroisse Nyamirambo abazwa icyo yaba azi ku byaha Amuri KAREKEZI ashinjwa, agasubiza amaze kurahira ko interahamwe zabateye mu gitondo cyo kuwa 8/5/94 abantu 10 barakomereka, ku munsi ukurikira Konseye wa Nyamirambo n'abapolisi baje gutwara imirambo y'abantu bapfuye yuzura imodoka n'indi ibura aho ijya, bongeye guterwa tariki 10/06/94 n'abandi bari bafite imodoka ya Mazda y'igitare irimo KIGINGI na BEBE mwene KIMONYO, bashaka gutwara abantu babajyana kubica ntibyashoboka ;

RUMAZE kumva KAREKEZI Amuri avuga ko yatanze ikimenyetso cyerekana ko imodoka ye ya Mazda muri icyo gihe yari ifitwe na MSF Fance (contrat de locations du véhicule AC 3680)

agasaba ko hakorwa iperereza, MF Fance n'umushoferi wayo bakabazwa basanga icyo gihe yari mu maboko ye (KAREKEZI ) akazabihanirwa ;

RUMAZE kumva DUSHIMIYIMANA J.P alias NINJA abazwa niba azi KAREKEZI Amuri, agasubiza amaze kurahira ko atamuzi, abajijwe abantu yishe mu ntambara agasabiza ko nta muntu yishe muri Segiteri ya Biryogo ko abapfuye bari hagati ya 10 na 15 bishwe n'abagizi ba nabi b'abasirikare ;

RUMAZE kumva KAREKEZI Amuri avuga ko NINJA ari we wabanje kwica abantu mu Biryogo na SELEMANI bambaye imyenda ya gisirikare, yica umuryango wa CYABAKANGA bamaze kumuha miliyoni ebyiri na murumuna wa KAMENGERI ;

RUMAZE kumva Ubushinjacyaha busaba ko urubanza rwasubikwa hakaboneka undi witwa Calixte ufungiye i Butare izo dosiye zose zikaburanishirizwa hamwe ;

RUMAZE kumva Maître ATITA avuga ko ahangayikishijwe n'ibyo Umushinjacyaha avuze, avuga ko byari byiza ko abakoranye ibyaha na KAREKEZI Amuri baburanishirizwa hamwe ariko ibye bigeze kure kandi ubwo buryo bwo kuburanishiriza hamwe bwatuma wenda ibintu bidasobanuka neza bikanatinza dosiye kandi itegeko ryemera ko umuntu yaburana ku giti cye ;

RUMAZE kumva akomeza avuga ko igihe OMP yatanze icyo cyifuzo KAREKEZI Amuri yahise atanga andi mazina y'abantu bagomba guhamagazwa, akibaza aho byazagarukira kuko ayo mazina ntacyo azungura Urukiko, avuga ko afite abantu benshi aburanira, bikomeje bityo misiyo ye atayirangiza kandi urubanza rugomba kurangira ;

RUMAZE kumva Maître Boubakar Documbia uhagarariye ushinjwa avuga ko icyo cyifuzo cya Maître ATITA acyemera ariko hagomba ukuri kuregwa n'urega ari na yo mpamvu asaba ko icyifuzo cya OMP cyakubahirizwa ;

RUMAZE kumva KAREKEZI Amuri abazwa kugira icyo avuga ku cyifuzo cy'Ubushinjacyaha, agasubiza ko ari byiza ko Calixte yaza bakaburanira hamwe nk'uko byifujwe ndetse na HABYARIMANA Jean wari Perezida wa MRND muri Kigali y'Umujyi agatumirwa gusobanura ukuntu we (KAREKEZI) yakoranaga na MRND ;

RUMAZE kumva Maître UMUBYEYI Béatrice avuga ko impungenge uwunganira KAREKEZI afite ari uko atatangiye urubanza abagabo bagombaga kumvwa bakaba barumviswe na bimve mu byaha KAREKEZI ashinjwa akaba yarabyemeye ; naho ibyayo madosiye yandi ari ugushaka gutinza urubanza ;

RUMAZE kumva Maître ATITA avuga ko asaba Urukiko kwitondera ibintu kuko urubanza ari génocide, abishe bamwe ari ibyitso by'abandi ku buryo bitashoboka ko abishe bose baburanishwa hamwe, ibyiza ari uko umwe umwe yaburanishwa ku giti cye ;

RUMAZE kubona ko Urukiko rwiherereye rugafata icyemezo cyo kutemera icyifuzo cy'Ubushinjacyaha urubanza rugazakomeza kuwa 26/05/97 saa mbiri za mu gitondo ;

RUMAZE kubona ko uwo munsi wageze urubanza rugakomeza ushinjwa n'abaregera indishyi bongera kwitaba Urukiko, urubanza ruburanishwa bose bahari ;

RUMAZE kumva Lavie Albert abazwa ibindi azi kuri KAREKEZI Amuri na NINJA ;

RUMAZE kumva LAVIE Albert abazwa ukuntu KAREKEZI atavugaga rumwe na NINJA, agasobanura ko batavugaga rumwe mu manama yakorwaga, KITONSA na bagenzi be bagakora izabo, NINJA n'agaco ke k'abasirikare bagakora izabo, KARIMU HASHIMU, MUGESERA, FENEDY, TURATSINZE, UGEZIWE, abaselire na KAREKEZI Amuri na bo izabo ;

RUMAZE kumva Maître UMUBYEYI Béatrice asaba ko babaza Lavie Albert niba hari ikirego KAREKEZI Amuri yaba yarashyikirije ubutegetsi abuza umugambi w'ako gaco kari kayobowe na NINJA, agasubiza ko atigeze abatambamira uretse ko yavuze ko NINJA yakomeje kwica abantu kandi ngo amahanga ari ku bafotora ;

RUMAZE kumva Maître UMUBYEYI Béatrice avuga ko babaza KAREKEZI Amuri imbunda yari atunze aho yayitoreje, agasubiza ko iyo mbunda yayihawe na Minisiteri y'Ingabo kandi ko atayize uretse ko aho muri Minadef umusirikare yaberetse uko bayikoresha;

RUMAZE kumva UMURINGA Georgette avuga ko basenya inzu ya MURENZI, yiboneye KAREKEZI Amuri ubwe arasa amasasu hejuru, interahamwe zirahunga maze avuga ko inzu zizasenywa azazibereka nyuma ;

RUMAZE kumva KAREKEZI Amuri avuga ko UMURINGA Georgette amubeshyera, atari we warashe ko harashe umpolisi wari kumwe na we, ubwo yaterefonnye Perefe amubwira ko Umupolisi na KITONSA bamaze abantu ahita amuhagarika ku kazi ;

RUMAZE kumva MUKANDOLI Caritas avuga ko MUGESERA yishe MUNYANKINDI Issa, BIZIMUNGU n'umuryango wa CYABAKANGA ayobora n'abishe umugore wa Evariste witwaga RIZIKI ahawe uruhushya na KAREKEZI ;

RUMAZE kumva Umushinjacyaha avuga ko kugira ngo itsembatsemba rishoboke, hakoreshejwe byinshi nk'ibinyamakuru ibyangombwa byatangwaga n'ibindi avuga ko babaza KAREKEZI Amuri niba ibyemezo yatangaga by'inzira byanditsemo ubwoko atari indi ntwaro yakoresheje mu gutsembatsemba abatutsi ;

RUMAZE kumva KAREKEZI Amuri avuga ko ibyangombwa byose byandikwagaho ubwoko bw'umuntu kandi ko ibyangombwa yatangaga byashyizweho na Leta y'u Rwanda Mininter akaba ari yo igomba kubibazwa ;

RUMAZE kumva KAREKEZI Amuri yemera ko mu gihe cya Génocide uwari ufite icyangombwa cyanditseho "TUTSI" atatambukaga kuri bariyeri batamwishe, akavuga ko yari amabwiriza bahabwaga na Perefegitura kandi ko yagombaga kuyakurikiza kubera ubushobozi buke yari afite;

RUMAZE kumva NYIRABISERUKA Amida avuga ko KAREKEZI Amuri yavuze abapfuye mu Biryogo akiyibagiza SHABANI MUNYANDEKWE musaza we n'abandi, ko SHABANI yamutumyeho ngo amukize interahamwe aramusubiza ngo si we wamugize inyenzi, nyuma

yaho akamufungisha muri Criminologie ko yohereje umwana nu nkotanyi, KAREKEZI akomeza kumuhiga kuva icyo gihe kugeza ubwo bamwishe ;

RUMAZE kumva KAREKEZI Amuri avuga ko SHABANI yakuwe mu nzu na NINJA agambaniwe na nyina wabo kandi ko SHABANI atigeze afungwa mu byitso, ko ibyo NYIRABISERUKA avuga ari ikinyoma ;

RUMAZE kumva KAREKEZI Amuri abazwa gusobanura ibice bine byishyize hamwe kumuhohotera kugira ngo atagaragaza ibyabo, agasubiza ko igice cya mbere ari ababuze ababo batazi uko bishwe kuko hari abishwe n'abasirikare abandi akaba ari interahamwe n'amashyaka, abo baturage rero bakaba bavuga ko nta we yishe ariko azi ababiciye ;

RUMAZE kumva akomeza avuga ko hari n'igice cy'abagize uruhare mu bwicanyi no gusahura, bashaka ko ibyabo bihishirwa, bakamushinja bagira ngo bazimangatanye ibimenyetso maze ibyo bikorwa bibi abe ari we bikomeza kwitirirwa ;

RUMAZE kumva Maître BOUBAKAR Doumbia avuga ko ikibazo cy'ubushobozi KAREKEZI Amuri yari afite mu butegetsi cyasobanurwa ku buryo bunononsoye kubera ko atari afite ubushobozi kuri byose kandi hari n'ibyo yahatwaga gukora, asaba ko Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu yahamagazwa gusobanura ibyo KAREKEZI Amuri yari ategetswe gukora na HABYARIMANA Jean wari Perezida wa MRND muri Kigali gusobanura imyitwarire y'interahamwe na KALINGENI Calixte umwanditsi wa Segiteri Biryogo gusobanura ibyemezo byatangwaga ku byerekeye ibyangombwa ;

RUMAZE kumva Maître BOUBAKAR abazwa niba ubuhamya bwa HABYARIMANA na KALINGENI bwakwizerwa kuko bafungiwe itsembabwoko, agasubiza zaba ari inyungu z'ubutabera babajijwe hatitaweho agaciro kabo kandi ko ari byiza Urukiko kumva buri wese watanga ubuhamya ;

RUMAZE kumva Maître NDOLIMANA Pierre avuga ko adasobanukirwa ibya Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu Maître BOUBAKAR avuga, niba ari uwo muri Leta y'ubu cyangwa uwo muri Leta ya kera KAREKEZI Amuri yakoreraga avuga ko we asanga atari Minisitiri wasubiza, gusa imikorere ya Konseye wa Segiteri na KAREKEZI ubwe ahibereye asaba ko icyo cyifuzo kitakwitabwaho kuko inshingano za Konsoye ziri mu bitabo by'amategeko naho ibyerekeye abagabo bafunzwe babazwa ibyaha bakoranye na KAREKEZI avuga ko ibyo bidashoboka ;

RUMAZE kumva Maître BOUBAKAR avuga ko byaba byiza habonetse ibisobanuro biturutse mu nzego zo hejuru, kandi ko ibyo avuga atari ukudindiza urubanza ahubwo ari ukugira ngo ubutabera bw'u Rwanda bube ubutabera nyabwo ;

RUMAZE kumva Umushinjacyaha avuga ko atari ngombwa ko Minisitiri w'Ubutegetegetsi bw'Igihugu yahamagazwa, KAREKEZI Amuri wakoze uwo murimo imyaka 20 ahibereye, naho ibyerekeye imikorere y'interahamwe avuga ko buri wese wari mu Rwanda, ayizi, atari ngombwa rero ko HABYARIMNA na KALINGENI ari bo bayisobanura ;

RUMAZE kumva Maître UMUBYEYI Béatrice avuga ko inshingano za Konseye wa Sogiteri zanditse mu mategeko y'u Rwanda kandi icyo gihe cya génocide nta mategeko

yakurikizwaga, akarangiza avuga ko guhamagaza HABYARIMANA na KALINGENI atari ngombwa kuko niba Leta y'u Rwanda yaragize uruhare muri génocide bitavanaho KAREKEZI icyaha bakoranye ;

RUMAZE kubona ko rwiherereye rugasanga icyifuzo cya Maître BOUBAKAR cy'uko Minisitiri w'ubutegetsi bw'Igihugu, HABYARIMANA na KALINGENI bahamagazwa muri uru rubanza nk'abagabo kitakubahirizwa kubera ko inshingano za Konseye zanditse mu mategeko y'u Rwanda, HABYARIMANA na KALINGENI bafungiye na bafungiye itsembabwoko bakaba ari nta cyo bamarira Urukiko ;

RUMAZE kumva Maîte UMUBYEYI Béatrice uregera indishyi KAREKEZI na Leta y'u Rwanda avuga ko KAREKEZI Amuri yahemukiye abanyarwanda bizeraga ubutegetsi kuko nk'umutegetsi ari we wagiye ku isonga n'abandi bambura abatutsi ubumuntu mbere yo kubica, abita inzoka n'inyenzi, agasobanura ko Leta y'u Rwanda yateshutse ku nshingano zayo ntiyabungabungira umutekano abanyarwanda, bagabohoterwa irebera ;

RUMAZE kumva akomeza avuga ko ku byerekeye indishyi azisobanura kuri buri muntu ahagarariye :

1° KATABARWA Michel yapfushije nyina umubyara NYIRAMAJANGWE Thérèse, murumuna we MUTSINZI Yohani, umugore wabo NYIRAMUDAKUBITWA Jacqueline, abana ba murumuna we : UMURISA, MUTSINZI Michel na MUTSINZI Bertrand. Kuri aba bantu yapfushije abakunda araka impozamarira ziteye zitya : Kuri nyina, murumuna we n'umugore wabo miliyoni 5 buri wese na miliyoni 1 kuri buri mwana, naho ku ndisbyi mbonezamusaruro zikomoka ku nzu ye yasenywe n'ibintu byasahuwe byose hamwe arasaba 18.511.232 F ;

2° KAGATARE Asia yapfushije umugabo akaba asaba miliyoni 10 z'impozamarira, akanasabira umana we UWANTEGE Farida miliyoni 7 kubera ko yapfushije se akiri muto, ku ndishyi mbonezamusaruro zikomoka ku nzu yasenywe n'ibintu bamusahuve arasaba 2.500.000 F ;

RUMAZE kubona ko Maître HAGUMA ashyikiriza Urukiko umwanzuro wakozwe na Maître Fançois RWANGAMPUHWE avuga no kubirebana n'abo ahagarariye ari bo: MUKARUGALI Gaudence, HATEGEKIMANA AlFed, MUHAMAZI Théodomir, SAGASHYA Alphonse na BUSHAYIJA EPHREM. asaba ko buri muntu wese wapfushije uwe yahabwa miliyoni 10 kuko asanga ayo bageneye abandi mu manza zabanjirije uru ari make cyane kandi ko izo ndishyi zose KAREKEZI Amuri agomba kuziriha afatanyije na Leta y'u Rwanda kubera ko na yo yabigizemo uruhare ;

RUMAZE kumva Maître NDOLIMANA Pierre avuga ko ku byerekeye impozamarira UrUkiko rukwiye kuzongera indishyi zikwiye hakurikijwe umubabaro abantu bagize n'agaciro umuntu afite kuko ayo rwagennye mu